

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME
MU IHURIRO RY'URUBYIRUKO**

Youth Forum Series: 'RAISING A HEALTHY GENERATION'

Intare Conference Arena | 13 Ukuboza 2019

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,
Nyakubahwa Mayor w'Umujyi wa Kigali,
Abagize Inzego z'Umutekano z'igihugu cyacu,
One UN Rwanda Resident Coordinator,
UNFPA Country Representative,
KOICA Representative,
Bafatanyabikorwa bacu,
Babyeyi,
Rubyiruko Bana bacu
Mwaramutse Neza!
Good morning!**

Mw'izina ry ' Imbuto Foundation, Minisitiri y'Urubyiruko n'Umuco n'Abafatanyabikorwa bose, mbahaye ikaze mw' ihuriro ryacu dufata nk'umuryango uteraniye hamwe.

Mu mpera z'umwaka, umuryango urahura, ugasabana, ukareba ibyagenze neza n'ingorane zabayeho, ukifurizanya ubuzima bwiza, ishya n'ihirwe.

Bana bacu,

Nk’ababyeyi, igihugu n’umuryango twifuje kuganira, kugira ngo turusheho kungurana ibitekerezo, ndetse no gufata ingamba bityo murusheho kubaho neza: **“Raising a Healthy Generation”**

Kubaha ubuzima, ni imwe mu ndangagaciro zacu¹ ihuza abantu. Ubuzima, umuntu abuhabwa n’abandi, akabubungabunga kandi akabwifuriza abandi.

Kugira ubuzima, bisobanura kugubwa neza, kurama, kuramba no kugira ubugingo.

Mu mibanire yacu nk’Abanyarwanda, twifurizanya ubuzima bwiza, nk’igihe turamukanya tugira tuti: “muraho, mwaramutse, gira abana” n’ibindi... cyangwa se igihe dusezeranaho tukagira tuti “mwirirweho, muramuke, murabeho, musigare amahoro...)

Nagira ngo mbasabe buri wese ahindukire abwire uwo bicaranye ati **“Baho neza!”**

1

http://ralc.gov.rw/fileadmin/user_upload/INDANGAGACIRO_Z_UMUCO_...._Imfashanyigisho_ya_mbere.pdf,

p 25

Bana bacu, Babyeyi, Bayobozi namwe Bafatanyabikorwa,

Mbere y'uko nkomeza, nifuje kubasangiza inkuru nigeze gusoma, y'umwami wari ufite abagore bane. Uwo mwami yakundaga cyane umugore we wa 4, akamutonesha kurusha abandi bose;

Umugore wa 3, niwe yerekanaga nk'umugore w'uburanga umuhesha ishema mu bandi; naho uwa 2 akamufata nk'umujoyanama we wihariye. Umugore we wa 1 yagiraga ishyaka n'ubwitange, ariko nubwo yakoraga ibyo byose, umwami ntiyamukundaga.

Umunsi umwe, umwami aza kurwara, kugeza ubwo yumvaga agiye gutanga. Ni uko atekereza ko ibyo yarafite byose agiye kubisiga, kandi agiye kugenda wenyine, yumva agize ubwoba.

Yahamagaye abagore be, kugira ngo abasabe ko hagira umuherekeza:

- ❖ Uwa 4 yakundaga cyane ati: *“Ntibishoboka;!*
- ❖ Uwa 3 ati: *Ubuzima ni bwiza, igihe uzaba utagirahi, nzahita nongera gushaka undi mugabo, ubuzima bwiza”.*
- ❖ Uwa 2 ati *“Icyo nagukorera, ni ukukurwaza, nkazagushyingura mu cyubahiro nkajya kwibuka iteka”.*
- ❖ Nuko umwami yumva ijwi rituje rigira riti: *‘Nzagukurikira aho uzajya hose, kandi nzakomeza nkube hafi’.*

Umwami ahindukiye, asanga ni umugore wa 1, ni uko arababara cyane, atangira kwicuza impamvu atamufashe neza.

Iyi nkuru ifite byinshi itwigisha:

- ❖ Umugore wa 4 twamugereranya n'umubiri ugaragarira inyuma, ikintu cyose kitaramba, cyangwa ibintu bishira ako kanya.
- ❖ Umugore wa 3 adushushanyiriza umuntu cyangwa itsinda ry'abantu mubana, cyangwa musangira mu byiza gusa.
- ❖ Umugore wa 2 ashushanya inshuti n'abavandimwe bacu badukunda, batwitaho ariko ntibabaho ubuzima bwawe !
- ❖ Umugore wa 1 adushushanyiriza umuntu wiyubatsemo indangagaciro zihamye, zidahindurwa n'icyo ari cyo cyose kabone n'ubwo urungano rwawe cyangwa abandi baba batakumva.

Ni urugero rwiza rw'uwo Abakurambere bise **imfura (internal and external soul)**: *Ni umuntu musangira ntagucure, mwajya inama ntakuvemo, wapfa akakurerera. Yaba akize ntasuzugure ukennye kandi yasonza ntiyibe.*

Rubyiruko, bana bacu,

Iyi inkuru, idufasha kumva neza ko ari ngombwa nk'urubyiruko kugira amahitamo meza.

Ni mwebwe mbaraga z'Igihugu, ariko hari n'imbogamizi nyinshi tubona, twifuje kuganiraho uyu munsi: ***Ikoreshwa rikabije ry'inzoga n'ibiyobyabwenge ndetse n'inda ziterwa Abangavu.***

Inzoga n'ibiyobyabwenge, ni ikibazo gikomeye kandi giteye impungenge.

Abashakashatsi Dr. James Ngamije na Callixte Yadufashije, bagaragaza ko ikorehwa ry'inzoga n'ibiyobabwenge mu rubyiruko, ari ikibazo cy'ubuzima kikaba n'ingorabahizi ku muryango nyarwanda: “**A Public Health Concern And Family' Challenge**”².

Mur'ubu bushakashatsi, bagaragaza ko iki kibazo gikwiye kureberwa mu buryo bwagutse bw'icyerekezo cy'iterambere rirambye “**Developmental-ecological frameworks**”.

Aha twavuga nk'icyerekezo umugabane wacu wihaye “**The Africa we want**”, ndetse n'icyerekezo cyacu “**National Strategy for Transformation**” cyo kuzamura ubukungu no kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye:

- ❖ Dukeneye kurebera iki kibazo mu ndorerwamo y' iterambere rishingiye k'umuryango, urungano, amashuri urubyiruko rurimo cyangwa se aho rukorera (**a social-ecological perspective focusing on contextual domains such as family, peers, and school/work**). Ibi kandi birahura cyane n' inkingi z'icyerekezo cyacu arizo ubukungu, imibereho n'imiyoborere myiza.

² Dr. James Ngamije et al., Drug use among the Youth in Rwanda, A Public Health Concern and Family's Challenge, 2016, 4593
https://www.researchgate.net/publication/307947875_Drugs_Use_Among_the_Youth_In_Rwanda_A_Public_Health_Concern_And_Family'_Challenge

- ❖ Kureba iki kibazo bisaba kumva neza iterambere ryita ku ihinduka ry'ibihe n'abantu (***a developmental perspective exploring changes in individuals and their contexts overtime***):

Uburyo bw'imibereho y'abantu mu myaka 50 ishize bunyuranye n'uko tubaho uyu muni n'uko tuzabaho mu myaka izaza. Uruhererekane rw'abantu (***generations***), amahirwe bafite (***opportunities***) ndetse n'imbogamizi (***threats***) nabyo bigenda bihinduka:

Iterambere rizana amahirwe menshi ariko ashobora no kugira imbogamizi igihe abantu batiteguye neza.

Ibi byatuma natwe twibaza tuti:

- Ese icyerekezo cyacu tugisobanura ku buryo Umunyarwanda wese yumva aho tugana, akabyishimira, bityo bikoroha kumva impinduka izo ari zo zose yasabwa?
- Ese dutegura dute umuntu uzaba muri icyo cyerekezo twiha? Haba mu bukungu, imibereho myiza n'imiyoborere myiza?
- Ese tumenyekanisha igenamigambi ry'iterambere ryacu, abantu bakaryumva ku buryo buboroheye?

Mu isi yihuta gutya, usanga amakuru n'amabwiriza ayobora abantu ashirwa ahantu hatandukanye. Akabereka umurongo n'uko witwara uramutse uhuye n'ingaruka. Natwe byadufasha tubitekereje muri ubwo buryo.

Mu gihe tunganira kandi, tuze kubihuza n'uko iterambere ryose rigomba kubaka umuntu wuzuye kandi ufite imyitwarire isobanutse. ***(A social interactional perspective highlighting ways in which various ecological process transact to produce behavioral and psychosocial outcomes).***

Bana bacu, Babyeyi, Bayobozi namwe Bafatanyabikorwa,

Ikibazo cy'ikoreshwa ry'inzoga n'ibiyobyabwenge ntikiboneka iwacu gusa. Ariko aho bashoboye guhangana nacyo, bubatse imitekerereze n'inzego birinda umunyagihugu.

- Hari abashyiraho amategeko kandi inzego akaba arizo ziyashyira mu bikorwa, n'abanyagihugu bakabyubahiriza, batabyubahiriza bakabihanirwa.
- Hari abagira gahunda zigisha ububi bw'inzoga n'ibiyobyabwenge, bakagira kandi uburyo busuzuma inzego zitanga izo serivisi niba zubahiriza amategeko: Nko kureba ko abaje bujuje imyaka yemewe n'amategeko, cyangwa kubahiriza isaha ntarengwa yo kwakira abaje kugura inzoga (***last call for alcohol selling!***) Batabyubahiriza bakamburwa uburenganzira bwo gucuruza.
- Hari aho bafatira ibyemezo umuntu umaze gusinda birengeje urugero, kugira ngo birinde imvururu ashobora guteza.
- Ahandi usanga abantu bakuru cyangwa urungano babona umwana yinjira mu kabari cyangwa anywa inzoga, bagatabaza! Ibi bikatwibutsa *ijisho ry'umuturanyi* twahoranye.

Twebwe dukora iki kugira ngo turinde abantu bacu, cyane cyane urubyiruko?

Our Dear partners, The Ministry of Youth and Culture, UNFPA and KOICA,

I commend you for your contribution to programmes, such as the Innovation Accelerator. Your work with us, is a significant contribution to our national efforts, in empowering youth in Rwanda.

Through our partnership, we have been able to create an environment, where young people feel safe, can thrive, and have their voices heard. These elements are key factors, in enabling young people to become strong problem solvers, and take the lead, in addressing the issues that affect them the most.

I therefore urge you to deepen your commitment, to the partnerships needed to ensure, that young Rwandans have the agency to be the change makers that we all believe them to be.

Babyeyi, Barezi Bayobozi turi kumwe

Mboneyeho umwanya wo gukora ubuvugizi, ku bafatanyabikorwa n'inzego z'umutekano, kugira ngo dukomeze ubukangurambaga mu mashuri, ndetse n'aho dutuye.

Bana bacu,

Muri imbuto zitoshye z'igihugu cyacu, ntacyo tutakora nk'ababyeyi kugirango mubeho neza. Ariko, tugomba gufatanya twese kugira ngo tubone ibisubizo ku bibazo byakwangiza ubuzima.

Mu izina ry'umuryango wanjye na Fondation Imbuto mboneyeho no kubifuriza Noheli Nziza n'umwaka mushya muhire wa 2020!

Murakabaho!